## ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

# Umuhango wo gutaha ku mugaragaro sitasiyo y'amashanyarazi ya "Mont-Kigali"

**Kigali, kuwa 17 Ukwakira 2018 –** Minisitiri w'Ibikorwaremezo, Nyakubahwa Claver Gatete, yayoboye umuhango wo gutaha ku mugaragaro sitasiyo y'amashanyarazi ya "Mont Kigali" iherutse kuzura yubatswe ku nkunga y'Umuryango w'Ibihugu w'Ubumwe bw'Ibihugu by'I Burayi.

Urwego rw'Ingufu mu Rwanda rukomeje kwiyubaka no gutera imbere. Amashanyarazi aboneka yariyongereye, imiyoboro yayo mishya irubakwa indi yongererwa ingufu, ndetse kuri ubu u Rwanda rwihaye intego yo kuba mu mwaka wa 2024, buri munyar wanda azaba afite amashanyarazi. Uyu munsi, ingo zibarirwa muri 46.46% mu Rwanda zifite amashanyarazi naho amashanyarazi aboneka agera kuri Megawati 218. Nyamara haracyari imbogamizi z'imiyoboro ishaje indi ikaba itagifite ubushobozi bwo guhaza umubare wiyongereye cyane w'abafatabuguzi bityo bigatuma amashanyarazi acikagurika cyangwa akagera ku bafatabuguzi adahagije andi agatakara.

Mu rwego rwo kunoza imikorere no kugabanya ingano y'amashanyarazi atakara, muri Werurwe 2015, Leta y'u Rwanda yasinye amasezerano n'Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'I Burayi y'inkunga ingana na miliyoni 23 z'amayero yo gukoreshwa mu mushinga ugamije kugabanya ingano y'amashanyarazi atakara "Grid Loss Reduction project", aho kuva mu mwaka wa 2013 REG yihaye intego yo kugabanya byibura 1% buri mwaka ku mashanyarazi atakara avuye kuri 23%.

Muri uyu mushinga, hatenijwe kubakwa ibirometero 27 by'umuyoboro mugari w'amashanyarazi (110kv) uhuza Jabana, Mont-Kigali na Gahanga. Hari hateganijwemo kandi gusana sitasiyo z'aashanyarazi za Mont-Kigali, Jabana na Birembo no kubaka izindi nshya ebyiri za Nzove na Gahanga. Uyu mushinga kandi uzarangira hashyizwe mubazi zifitemo ikoranabuhanga rimenya ingano y'umuriro utakara kuri buri gace ndetse imiyoboro ishyirweho utumashini 8000 dufasha kugabanya umuriro utakara.

Sitasiyo ya Mont-Kigali itanga amashanyarazi mu bice bya Nyamirambo, Bugesera, Kamonyi n'igice kinini cy'Akarere ka Muhanga. Yaravuguruwe yongererwa ubushobozi, hashyirwaho ibyuma biringaniza amashanyarazi (transformer) bibiri bifite ubushobozi bungana na 20MVA bisimbura ibya kera byari bihasanzwe bifite ubushobozi bungana na 10MVA bitari bigishoboye guhaza umubare w'abafatabuguzi.

Minisitiri w'Ibikorwaremezo, Nyakubahwa Claver Gatete, yashimye Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'I Burayi avuga ko iyi nkunga wahaye u Rwanda mu 2015 irimo gufasha bikomeye ibikorwa byo kuvugurura imiyoboro y'amashanayarazi mu Rwanda.

Yagize ati "Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'I Burayi ukomeje gufasha u Rwanda muri gahunda zitandukanye. Ubu turabona impinduka nziza buziranenge bw'amashanyarazi atangwa mu Mujyi kubera uyu mushinga duterwamo inkunga n'uyu muryango"

Umuyobozi Mukuru wa REG, Eng. Ron Weiss yavuze ko uyu mushinga watumye amashanyarazi mu Mujyi wa Kigali atagicikagurika.

Yagize ati "Ingano y'umuriro utakara yaragabanutse iva kuri 21.1 mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2016-2017 ujya kuri 19.6 mu mwaka ushize. Ubu turateganye ko muri uyu mwaka tuzongera tukagabanyaho 1% kandi turabyizeye kuko iyi mishinga yo kongerera ingufu imiyoboro ikomeje hirya no hino mu gihugu".

**END**

**KN82 ST3, Nyarugenge District, Kigali City, P.O. Box 537 Kigali, Rwanda**
**Tel.: +(250) (0) 78 818 1224, email: info@reg.rw, website: www.reg.rw**